**Werurwe 2017**

Nshuti bakundwa,

Uku kwezi twifatanije n’ abagore bose kwizihiza umunsi w’ Abagore kw’ isi yose. Insanganyamatsiko y’ uwo munsi mukuru muri uyu mwaka wa 2017 igira iti: “Gira Ubutwari Uharanire Impinduka”.

Natangiye gutekereza ku bagore bo muri Biblia babaye intwari baharaniye impinduka. Abagore babayeho bubaha Imana kandi bagakoresha impano zabo mu gufasha abandi bantu bayo. Umugore umwe uhita aza mu bitekerezo byanjye ni Debora Umuhanuzikazi-Umucamanza dusanga mu gitabo cy’ Abacamanza 4:1–24.

Debora niwe Mucamanza w’ umugore wenyine uvugwa muri Biblia. Yabwiye Baraki ko Imana ya Israel imutegetse kugaba igitero ku ngabo z’ Umwami. Baraki yagize gushidikanya kwemera ibyo Imana ivuze, ariko Debora mu butwari yamwibukije amasezerano y’ Imana. Debora yari umugore w’ intwari uharanira guhindura ibintu. Mbese biradusaba iki kugira ngo tube abagore b’ intwari baharanira guhindura ibintu? Ese dufite ubushake bwo kuba ijwi ry’ abandi bagore batabasha kwivugira? Ese dufite ubushake bwo kurwanira impinduka ku bagore bafashwe nabi ndetse n’ abandi baretswe baboneka mu bice byinshi muri iki gihe? Gusenga no gushaka ubwenge n’ imbabazi z’ Imana no kurengera abacecekeshwa kandi barenganywa?

Buri mugore wese yaremwe mu ishusho y’ Imana. Reka dufatanirize hamwe mu gihe dusengera kugira ubutwari bwo guhindura ibintu. Tube abagore bashobora guhamya ko bizera Imana kandi dusobanukirwa ko ari Imana y’ ibitangaza. Tube abagore bizera ko Imana ibona ibiriho biba kuri babenzi bacu bashyizwe ku ruhande. Abagore batanga igihe cyabo, impano zabo, ubumenyi bwabo bagatanga n’ ubutunzi bwabo ngo bafashe guhindura abaturanyi, imirenge, n’ igihugu kubwa Kristo.

Uyu munsi ni muterana musenga mwifatanye n’ abagore bose basenga bo kw’ isi yose basengera guharanira impinduka. Ni gihe ki wumva ukeneye kugira ubutwari burushijeho? Imana iraguhamagarira kuvugana na bande kugira ngo ubibutse amasezerano y’ I mana kubwo imibereho yabo yo muri iki gihe?

Muri abakobwa bayo bahamagariwe gusenga no kugira ubutwari mu guhindura imitima y’ abagore bo kw’ isi yose. Umutima wanjye ubabarana n’ uwawe mu gihe tugize ubutwari bw’ ivugabutumwa twizera ko imitima myinshi yifatanirije hamwe n’ umutima w’ Imana binyuze mu mwana wayo, Yesu.

Muri we, imitima yacu iranezerwa.

Peggy Banks,
Umuyobozi Mukuru wa
TWR Abagore b’ Ibyiringiro/ Project Hannah